AMABWIRIZA AGENGA IRUSHANWA RY'IGIKOMBE CY'AMAHORO UMWAKA WA 2018

Ingingo ya 1

Irushanwa ry'igikombe cy'Amahoro uyu mwaka rizatangira tariki ya 30/01/2018, rikazitabirwa n'amakipe yo mu cyiciro cya mbere (D1) n'icyakabiri (D2) yose hamwe ni amakipe 32 Azabanzirizwa n'imikino ibanza ku makipe 23 azahatanira kujya muri 1/16, ayo makipe makumyabiri n'atatu (23Teams) azahura mu buryo bukurikira:

- Amakipe 22 azahura muri 'preliminaries round' haboneke amakipe yatsinze cumi n'imwe (11Teams) muri iyi mikino aho banganije bahita batera penalty nyuma y'umukino kugirango haboneke iyatsize;
- Amakipe yatsinzwe cumi n'imwe (11Teams) hiyongereho ikipe ya Sorwathe FC itarakinnye "match de barrage" umwaka ushize; Amakipe yose hamwe abe cumi n'abiri (12Teams) nayo ahure hanyuma amakipe **atanu yambere** aziyongera ku makipe cumi n'imwe yatsinze muri 'preliminaries round' yambere, yose hamwe abe amakipe cumi n'atandatu (16Teams) asanga andi cumi n'atandatu yageze muri 1/8 yose hamwe abe amakipe 32 azahatanira Igikombe cy'amahoro umwaka wa 2018;

Mu gihe amakipe abili gusa yanganyije harebwa ibi bikurikira:

1. Umukino wayahuje
2. Ikinyuranyo cy'ibitego
3. Iyatsinze ibitego byinshi
4. Tombola

Iyo amakipe anganyije arenga 2:

1. Amanota yabonye ku mikino yayahuje
2. Ikinyuranyo cy'ibitego
3. Iyatsinze ibitego byinshi
4. Tombola.

Ingingo ya 2

Kugirango ikipe ikine irushanwa ry'igikombe cy 'Amahoro umwaka wa 2018 igomba kuba yemewe na FERWAFA.

Ingingo ya 3

Abakinyi bemerewe gusimburwa ni batatu gusa ku mukino.

Ingingo ya 4

FERWAFA niyo itanga gahunda yerekana uko amakipe azahura, ikanayihindura iyo bibaye ngombwa.

Ingingo ya 5

Amakipe azahura hakurikijwe uburyo akurikirana k'urutonde rugaragaza uko yakurikiranye (croisement) hashingiwe uko amakipe 16 yageze muri 1/8 mu gikombe cy'amahoro umwaka wa 2017, n'andi 16 azaboneka mu irushanwa rizabanziriza igikombe cy'amahoro mu mwaka wa 2018 (Phase préliminaire) izakinwa tariki ya 30/01/2018.

Ingingo ya 6

Umukinnyi uhawe ikarita itukura cyangwa agize amakarita atatu y'umuhondo ahagarikwa ku mukino ukurikira.

Ingingo ya 7

Ikipe ikinisha abakinnyi basanzwe bakina muri shampiyona ya 2018 bafite uruhushya (Licence) rutangwa na FERWAFA. Kubirebana no gukinisha abakinnyi b'abanyamahanga hakurikizwa amategeko asanzwe agenga amarushanwa y'umupira w'amaguru mu Rwanda.

Ingingo ya 8

Kuva muri 1/16 kugeza muri ½ hazakinwa imikino ibanza n'iyo kwishyura (Aller et Retour)

Ikipe yasuwe izajya itegura ibi bikurikira:

- Ikibuga;
- Abashinzwe Umutekano;
- Abana batoragura imipira (Ball boys)
- N'ibindi bisabwa

Ingingo ya 9

Mu gihe amakipe yanganyije ibitego:

- ❖ Iyo amakipe anganya ibitego mu mukino ubanza n'uwo kwishyura harebwa ikipe yatsinze byinshi hanze,
- ❖ Iyo amakipe anganya byose mu mukino ubanza n'uwo kwishyura hitabazwa penaliti nyuma y'umukino, ntaminota y'inyongera uretse ku mukino wanyuma niho hitabazwa iminota mirongo itatu (30min) yinyongera.

Ingingo ya 10

Buri kipe isabwa kwambara imyenda yabugenewe ya siporo, ifite nimero zigaragara, kandi iyasuye ikitwaza imyambaro ibiri (2) ifite amabara atandukanye mu kwirinda guhuza amabara.

Ingingo ya 11

Amakipe yombi agomba kugera ku kibuga mbere y'isaha imwe, mbere y'umukino nk'uko amategeko agenga umupira w'amaguru mu Rwanda abiteganya.

Ingingo ya 12

Ikipe itagararagaye k'umukino ihanishwa mpaga y'ibitego 3 igahita inakurwa mu irushanwa ry'igikombe cy'Amahoro.

Ingingo ya 13

Gutanga ikirego bikurikiza amategeko asanzwe ya FERWAFA

Ingingo ya 14

- ❖ Iyo umukino uhagaze bitewe n'impamvu y'ibiza (Cas de force majeur) usubirwamo bucyeye,hagakinwa iminota yari isigaye iyo hari impamvu idasanzwe yatuma badakina bucyeye bwaho FERWAFA igena igihe uwo mukino uzasubirirwamo, Amakarita n'ibitego byabonetse mu mukino ubanza bihabwa agaciro;
- ❖ Hakina abakinnyi bari mu mukino igihe wari uhagaze;
- ❖ Abasifuzi na komiseri b'uwo mukino ntibahinduka keretse hari uwagize ikibazo gikomeye kandi akaba yabimenyesheje FERWAFA;
- ❖ Mu gihe ikipe yatsinzwe itagarutse gukina uwo mukino iterwa mpaga iyo iyatsinze itagejeje kubitego bitatu. Igihe ikipe yatsinze ibitego birenze bitatu nibyo bibarwa.

Ingingo ya 15

Amafaranga yinjiye ku mukino azatangwa ku buryo bukurikira:

- ❖ Hazakurikizwa amasezerano FERWAFA yagiranye na rwiyemezamirimo wahawe isoko ryo kugurisha amatike ku bibuga;
- ❖ Mu gihe ku kibuga habereye imikino ibiri, amakipe abiri yasuwe agabana amafaranga hakurikijwe ibikubiye mu masezerano FERWAFA yagiranye na rwiyemezamirimo wavuzwe haruguru,

Ingingo ya 16

Haramutse hagaragaye ibindi bibazo bitavuzwe muri aya mabwiriza, Komite Nyobozi niyo ifata icyemezo igendeye ku cyifuzo cya komisiyo ishinzwe amarushanwa.Ishobora kwifashisha amategeko ya FERWAFA,CAF,na FIFA,cyangwa igakoresha ubushishozi.

HABINEZA Emmauel

Umunyamabanga Mukuru Wungirije

Fédération Rwandaise de football Association